Rwanda Education Board


# Gikeri na Bakame



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 4 cya kane cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

## IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Gikeri na Bakame




Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**





IRADUKUNDA Aimée Hornella, yanditse iyi nkuru afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, mu Kigo cy'Amashuri Abanza cya Mayebe, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, GIKERI NA BAKAME ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Bakame yagiye kuvoma ku iriba rya Mutuzo.
Agezeyo ahura na Gikeri.
Baratangira baraganira.




**Bakame:** Komera komera Gikeri weee!
**Gikeri:** Muraho neza Baka!



**Bakame:** Urakora ku mugezi ko nta kivomesho ufite?
**Gikeri:** Naje hano ku iriba kunywa amazi.




**Bakame:** None se ko udataha uracyafite inyota?
**Gikeri:** Oya, mba niyumvira uturirimbo tw'abanyeshuri, nkifuza kwiga.



**Bakame:** Yooo! Mbese burya ntabwo wiga?
**Gikeri:** Siniga sha Baka!




**Bakame:** Kubera iki Gike? Ubu koko ntuzi gusoma no kwandika!
**Gikeri:** Ishuri narivuyemo kuko nabuze imyenda y'ishuri n'ibikoresho.



**Bakame:** Uyu munsi ndiga ikigoroba, uze tujyane ku ishuri.
**Gikeri:** Voma tujyane iwanyu.
Urantiza imyenda y'ishuri ngende nambaye.




Bakame amaze kuvoma, yikorera ijerekani ye. Bashyira nzira bajyana iwabo wa Bakame.



Bageze imuhira, Bakame abwira iwabo ikibazo cya Gikeri.
Bemera kumutiza imyenda y'ishuri arambara.



Gikeri ajyana na Bakame ku ishuri.
Mu nzira bagendaga baganira amubwira ibyo biga. Bagezeyo, umwarimu aramwakira.



Bakame abwira umwarimu wabo ikibazo Gikeri afite. Umwarimu aramuhumuriza amuremamo ikizere. Amubwira ko ishuri rizamushakira ubufasha.



Umwarimu abimenyesha umuyobozi w'ishuri. Bamushyira ku rutonde rw'abanyeshuri bakeneye ubufasha.



Inama y'ababyeyi iteranye, yiga ku kibazo cya Gikeri. Bemera kumugurira ibikoresho no kumwishyurira kugeza arangije amashuri.



Gikeri yiga neza aba umuhanga mu ishuri. Ubu yararangije ni umuyobozi ukomeye cyane.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA